/M.S./M.D./

Ijambo ly'intumwa ya Minisitiri w'Urubyiruko no Gutsura za Coopératives yavugiye mu Ruhengeri ku munsi wa yubile y'imyaka 25 abasaveri bagejeje muli iyo Diyosezi. Taliki ya 20/5/84.

3. Copies

- Nyakubahwa Musenyeli, Umushumba wa Diyosezi ya RUHENGERI ukaba unahagaraliye Imiryango y'Agisiyo Gatolika y'Urubyiruko

- Ba Nyakubahwa ba Padri Omoniye b'Urubyiruko
- Banyakubahwa bayobora Umuryango w'Abasaveri
- Banyacyubahiro muteraniye hano
- Ba Militante namwe ba Milita mwaje kwizihiza ibi birori
- Rubyiruko mwese muteraniye hano.

Mbanje kubaramutsa mw'izina rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Major NDINDILIYIMANA , wanyohereje kwifatanya namwe kuli uyu munsi w'ihimbazwa ry'imyaka 25 umuryango w'Abasaveli umaze ushinze imizi muli Diyosezi yanyu.
Nimugire AMAHORO ali kuli roho no ku mubili, mwifatanye iteka mu BUMWE bwa kivandimwe dukesha ukwemera, maze AMAJYAMBERE asagambe mu ngo zanyu no mu gihugu cyose.
Mu ntego za Muvoma yacu, iyo mwitabiliye mbere y'igihe ni intego y'UBUMWE. Nkaba mbibashimira cyane kuko aho ubumwe butali hataboneka ubufatanye, bigatuma nt'amajyambere aharangwa.
Sinajya kure ntabanje kubamenyesha ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishyigikiye cyane imiryango yose y'urubyiruko ifite amatwara yo gukora atanyuranyije n'ibyifuzo by'Umukuru w'Igihugu cyacu udahwema kutwibutsa ko "U RWANDA ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo"
Ku byerekeye umuryango w'abasaveri ndemeza ko bihatira gukurikiza ayo matwara nk'uko bigaragazwa n'ikiranga-ntego cyabo.
"URUKUNDO - ITEKA - UKUMVIRA - UBUTWALI - UBUTONI - UKULI" (charité- obeissance- Vaillance - Pureté - Loyauté).

Basaveri, Basaveri-kazi, mumaze imyaka 25 mwishyize hamwe kugirango mutere imbere, mu nzira y'ukwemera Kiliziya Gatolika yabagejejeho. Ibyo mwagezeho kuva umuryango wanyu washingwa ni byinshi kandi byiza. Ibikorwa byanyu muguharanira imibereho myiza y'urubyiruko n'iy'abatutarwanda birazwi kandi bishyigikiwe n'inzego zose z'ubutegetsi bwa Kiliziya na Leta. Abo bose, najye hamwe nabo dushimishwa n'uko mureba, mukitegereza, maze mugakora, bityo mugahesha imilimo y'amaboko agaciro, ali nayo shingiro ryo kongera umusaruro w'Igihugu. Nizeye ko mugikomeza uwo ugambi wo kujya inama, mugahinga, mukorora, mugakora n'indi milimo yose yatuma icyaro kiba kiza kurushaho, kikabaryohera aho gucikira mu mijyi; muli byose kandi ntimugombe kwibagirwa Iyobokamana.

Ministeri ishinzwe urubyiruko no Gutsura za Koperative yemera ibikorwa byanyu n'umuco mwiza wo kujya inama, nkaba mbamenyeshaje ko igihe cyose izabishobora izakomeza kubashigikira no kubatera inkunga.

.../...

Basaveli, basaverikazi,

Rubyiruko mwese muteraniye hano,

Muzi neza ko Nyakubahwa Prezida wa Repubulika adahwema kwibutsa ko urubyiruko ali ingufu igihugu cyacu gifite.

Muzi kandi ko urubyiruko alirwo Mizero y'Igihugu icyalicyo cyose, mirwo Rwanda rw'ejo. Niyo mpamvu tugomba kurwitaho kugirango izo ngufu zidapfa ubusa kandi zagombye kurwanya ubukene n'ubujiji.

Ntawirengagiza ko urubyiruko nyamwinshi rwibera mu byaro, rukaba rutunzwe n'isuka. Abashinzwe kuruyobora bagomba kurwigisha bihagije kugirango ruteze imbere ubuhinzi, rubyaze ubutaka bwacu (n'ubwo ali buke bwose kandi bushaje) ibidutunga bihagije. Abakorana n'urubyiruko mu nzego zose bakore uko bashoboye babonane nabo kenshi, babagire inama. Nibihatire gusura amashyirahamwe n'amakoperative y'urubyiruko kugirango bamenye aho urwo rubyiruko rukorera n'icyo rukora, banarutere inkunga mu bibazo ruhura nabyo.

Ni koko aho urubyiruko rwagiye rwishyira hamwe rumaze kugera ku bikorwa bishimishije. Ibyo bikorwa biteye ikizere kuko bakomeje kugirwa inama, tugafatanya n'ababyeyi, abanyamadini n'abategetsi mu nzego zose twarugeza kuli byinshi by'ingirakamaro. Ababonye inzira nibakomeze imilimo yabo batinube cyangwa ngo basubire inyuma byo gucika intege no kudohoka.

Abatarantangira nabo begere abandi bave mu bwigunge, bagishe inama bagenzi babo, bitabaze abayobozi n'impuguke zibashinzwe, maze inzira y'ibikorwa bya kijyambere ibe nyabagendwa. Mubeho neza mubikesha amaboko yanyu, murahure ubwenge mu bikorwa byiza bya bagenzi banyu n'abandi babanjilije.

Namwe aliko mube intumwa muli bagenzi banyu bakili mu mwijima n'ubujiji.

Ibikorwa byiza by'urubyiruko biliho aliko ntitwakwirengagiza ingorane bamwe bahura nazo mu irangizwa ry'ibyo bikorwa.

Navuga nk'imilima idakunda kuboneka kugirango amashyirahamwe abashe kwegukira birambuye imilimo y'ubuhinzi n'ubworozi, navuga ubukene bw'ibikoresho butuma bamwe batagera ku ntego biyemeje.

Ingorane ikunda kubangamira amashyirahamwe y'urubyiruko ni ubuhemu bw'abayobozi bayo banyereza umutungo rusange bigatuma abasigaye bacika intege ntibashobore gukomeza igikorwa. Iyo bigenze bityo haboneka ubwumvikane buke n'ukutizerana hagati y'abagize ishyirahamwe cyangwa Koperative.

Ingorane ni nyinshi aliko ntizigomba kuzitira imbaraga z'abishyize hamwe kuko icyo abagabo bitabiliye bakigeraho kandi "abishyize hamwe Imana irabasanga".

Niyo mpamvu tutagomba kujarajara, tugomba kumenya neza icyo tugamije kugirango tugere kucyo twifuza.

Muli uko gushakashaka umuti w'ibibazo, urubyiruko rugomba kumva ko rutali rwonyine. Nk'uko Umukuru w'Igihugu yashinze Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative uburere bw'urubyiruko, nayo yihatira kurushaho kurukorera no kurwigisha imyuga n'ubukolikoli bishobora kuruteza imbere.

Ntimuhwema kumva ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishinzwe gukangura urubyiruko rutagiye mu mashuli n'urutarashoboye kwyakomeza. Urwo rubyiruko rwose (rugera kuli 43%) Ministeri irushinzwe irugezaho inyigisho zigamije amajyambere, cyane cyane ashingiye ku buhinzi, ubworozi, ubukolikoli n'ibindi.... Kugirango iyo programu igerweho, Ministeri yagerageje gushinga ibigo byinshi by'urubyiruko ubu byose hamwe bigera kuli 57. Buli kigo kihatira kujijura urubyiruko mu byerekeye imyuga nko kubaza, kubaka, kudoda, imilimo yo mu rugo n'ubundi bukolikoli, kugirango bazashobore guteza imbere imilimo y'amaboko mu byaro.Ministeri yihatira kandi gukangura urubyiruko irutoza gukorera mu mashyirahamwe y'urubyiruko na za Koperative. Amashyirahamwe nkayo ageze ku 1500 mu gihugu cyose. Yahagurukiye kandi kurwanya ubujiji mu rubyiruko ishyiraho programu yo kwigisha urubyiruko rutazi gusoma no kwandika.
Igerageza gushaka amasoko agulishiliżwamo ibikozwa n'amashyirahamwe y'urubyiruko na za Koperative. Ikoresha inama zo kungurana ibitekerezo kandi igafasha imiryango y'urubyiruko. Yihatira gukura abantu mu bwigunge ibagezaho imikino n'imyidagaduro y'ubwoko bwose kuva mu nzego zo hejuru kugeza muli Selire. Imikino n'imyidagaduro ntibibereyeho ~~guso~~ kuruhuka iminanire y'ibyo abantu bakoze, ahubwo ibereyeho guhuza abantu mu kivandimwa, bagashyikirana, bagakanguka, byose bigakorwa mu mwuka mwiza wubahiliza umuco.

Intego yacu rero ni ugufatanya namwe n'abandi bose babyiyemeje muli uwo mulimo wo gushakira urubyiruko icyarubeshaho. Nkaba musaba ko mwarushaho gusohoza ubutumwa bwiza muli bagenzi banyu bo mu cyaro cyane cyane abatashoboye kwiga, abatazi gusoma no kwandika, abadafite akazi, abatagira icyo bambara, kugirango bakore maze bazashobore kwikenura.
Nimuharanira kwishyirahamwe, mukunde umulimo muwukundisha n'abandi, mugirane inama, murwanye ububandi n'ubwomanzi mushaka imilimo ikwiranye naho mutuye.
Bityo muzigilira akamaro, mukagirira akarere kanyu maze u RWNADA rwacu rutere imbere.

Mbere yo kurangiza nagirango mbibutse programu mwumvise yerekeranye n'itegurwa n'ihimbazwa ry'umwaka w'i 1985 wahaliwe urubyiruko ku isi yose.
Igihugu cyacu gisenzwe kitaye ku bibazo by'urubyiruko cyakiranye ubwuzu icyemezo cyo gushyiraho uwo mwaka. Ihimbazwa ryawo lizafasha abarebwa n'ibibazo by'urubyiruko kurushaho kubyiga no kubishakira umuti n'ibitewubonye bikaba bizwi. /...

Ubu hashyizwaho za Komite zigishwa inama mu nzego zose na programu y'ibizakorwa muli uwo mwaka yarateganzwe.

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative irateganya gufasha urubyiruko kunononsora ibikorwa byarwo ikoresha amarushanwa:
Mu buhinzi, ubworozi n'ubukolikoli bihereye muli Selire kugeza ku rwego rw'Igihugu cyose. Komite za Komini nizo zizajya zikurikiranira hafi iryo rushanwa kandi amashyirahamwe azarusha andi azahembwa. Hazaba kandi irushanwa mu byerekeye animasiyo no kugaragaza umuco haba mu mbyino, indilimbo, n'ibyivugo n'ibisigo.
Byose bigomba kwibanda ku ntego yahaliwe uwo mwaka aliyo "Gufatanya mu mahoro kugirango tugere ku majyambere" (participation - paix - développement). Ilindi rushanwa lizakoreshwa mu byerekeye imikino n'imyidagaduro. Kuli programu yo kwigisha gusoma no kwandika, Ministeri yiyemeje guha ibikoresho amashyirahamwe, amadini cyangwa ibigo bya Komini bisanzwe bifite icyo gikorwa n'ababa bashaka kugitangira, nibura umwaka utaha hakagaragazwa umubare munini w'abamenya gusoma no kwandika.
Nkaba nifuza rero ko umuryango w'abasaveri wazaba uwa mbere mubazabona amashimwe muli uwo mwaka.

Sinarangiza ntashimiye aba Banyacyubahiro bose baje kwifatanya namwe kuli uyu munsi wa yubile yanyu.
Ngashimira abakuru b'umuryango w'abasaveri muli Diyosezi ya RUHENGERI no mu Gihugu cyose, mbasaba ko twakomeza gufatanya mu guteza urubyiruko rwacu imbere. Mu izina rya Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mbifulije gutera imbere, kudatezuka ku ntego y'umuryango wanyu mugamije icyagilira urubyiruko rw'u RWANDA akamaro.

Harakabaho Umuryango w'Abasaveri mu Rwanda
Harakabaho Amashyirahamwe y'Urubyiruko mu Rwanda
n'asugire, asagambe, ashinge imizi mu Gihugu cyose.
Murakabaho mwese.